**KARENGE ADVENTIST SECONDARY SCHOOL (KASS)**
**EASTERN PROVINCE**
**RWAMAGANA DISTRICT**
**TEL: 0788659851/0788506390/0785697582**

**Karenge, Kuwa 10/12/2024**

Mubyeyi dufatanije kurera turabasuhuje!
Tunejejwe nuko Imana iduhaye uburyo bwo gusoza amahoro igihembwe cya mbere cy'uyu mwaka w'amashuri wa 2024-2025. Reka tubagezeho ibi bikurikira:

1. Mu gihe umwana abagejejeho indangamanota nibyiza kumushimira mugihe mubona ko yatsinze cyangwa se nabwo mukaba mwamugira inama bitewe nuko yatsinzwe kugira ngo azarusheho kugira umurava mu bihembwe bikurikira.
2. Amasomo y'igihembwe cya 2 azatangira tariki ya 06/01/2025. Umunyeshuri ucumbikirwa wese arasabwa kuba yageze ku ishuri tariki ya 05/01/2025 bitarenze saa kumi n'ebyiri z'umugoroba 18h00; Utazubahiriza iyi tariki azakirwa tariki ya 12/01/2025 aherekejwe n'umubyeyi cyangwa se umurera. Naho umunyeshuri utazubahiriza iyi saha yo kugera mu kigo (18h00), Umubyeyi we cyangwa umurera asabwa kuhagera ku munsi ukurikiyeho bitaba ibyo, umunyeshuri akoherezwa mu rugo akagarukana n'umubyeyi kuri 12/1/2025. Tariki ya 06/01/2024 hazatangira isuzuma (Welcome Tests) ku banyeshuri kandi amanota yaryo azabarwa mu yandi basanzwe bakoreraho.
3. Abanyeshuri bazakora ibizami bya Leta barasabwa gushaka ibyangombwa byo kwiyandikisha, birimo indangamuntu ku biga mu mwaka wa 6, indangamanota zikenerwa n'icyemezo cy'imitsindire(result slip) gitangwa na NESA; nibindi byose bikenerwa mu kwiyandikisha.
4. Inama rusange y'ababyeyi iteganijwe tariki ya 09/02/2025 saa tatu nigice (9h30am) I Karenge ku kigo.

**5.1 IMBONERAHAMWE YEREKANA AMAFARANGA ASABWA KU MUNYESHURI WIGENGA**

| | ABIGA BACUMBIKIWE | | | ABIGA BATAHA | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **CLASSES** | **AMAFARANGA Y'ISHURI+ICUMBI** | **KWIYOGOSHESHA** | **TOTAL** | **AMAFARANGA Y'ISHURI** | **KWIYOGOSHESHA** | **TOTAL** |
| **S1-S3, S4-S6Acc** | 175,000 | 2,000 | **177,000** | 83,000 | 2000 | **85,000** |
| **L3-L5 (Bose)** | 195,000 | 2,000 | **197,000** | 103,000 | 2000 | **105,000** |

**5.2. Abanyeshuri boherejwe na Leta bazishyura yose hamwe 116,000frs.**

**<u>ICYITONDERWA:</u>**

1. Amafaranga y'ishuri yose yishyurwa kuri compte n°: **100014639378** muri BK (yitwa **KARENGE ADVENTIST SECONDARY SC**). Nta mafaranga yishyurwa mu ntoki ku muntu uwo ariwe wese.
2. Nta munyeshuri uzakirwa atitwaje inyemezabwishyu y'amafaranga y'ishuri
3. Ufite Computer asabwa kuyigaragaza mbere yuko ayikoresha mu kigo kandi agasabwa kubahiriza amabwiriza yo kuyikoresha. Ubirenzeho arayamburwa.
4. Umunyeshuri ntiyemerewe gutunga telephone, radio cyangwa n'ibindi byose byamurangaza. Ubifatanywe arasezererwa burundu.
5. Imyenda itari iy'ishuri ntiyemewe mu kigo kandi abafite imyenda y'ishuri yamaze kubasiga basabwa kugura indi.



**KARENGE ADVENTIST SECONDARY SCHOOL (KASS)**
**EASTERN PROVINCE**
**RWAMAGANA DISTRICT**
**TEL: 0788659851/0788506390/0785697582**

**<u>IBIKORESHO UMUNYESHURI UCUMBIKIRWA ASABWA KWITWAZA</u>**

1. **Imyenda y'ishuri: {** (ipantalo/ijipo 2, ishati 2, Tshirt(1), umupira w'imbeho (1), Karuvati 1, amasogisi y'umweru (3), Inkweto zo kwigana z'umukara gusa ziterwa umuti (2), inkweto za siporo (1), imyenda ya siporo ( ipantalo n'umupira) }.
2. **Ibiryamirwa** :{(matelas (1), ikiringiti (1), Amashuka (2)}, inzitiramubu
3. **Ibikoresho by'isuku: {** (Hygienic paper/Super cyangwa clear(6), Amasabune yo gukaraba (4), Amasabune yo kumesa (5), Essuimain (1), Imiswara (3), Uburoso bwo koza amenyo (2), Umuti woza amenyo (1), Igisokozo (1), Amavuta yo kwisiga, Umuti wo guhanagura inkweto, hanga ku bakobwa, indobo, Cotex (5) ku bakobwa).
4. **Ibikoresho byo ku meza:** Isahani, igikombe, ikanya, icyuma cyo ku meza.
5. **Ibikoresho by'amasomo: {(**Amakaye, amakaramu, Uducamurongo, calculatrice, Periodic Table, nibindi bikoresho bigendanye n'ishami umwana yiga).
6. **Ibikoresho by'Iyobokamana:** Bibiliya n'indirimbo (biri mu rurimi rw'icyongereza).

**Icyitonderwa:**

1. Birabujijwe kuzana ibindi bikoresho bitari ku rutonde rwagaragajwe hano.
2. Radio, Telephones, Nibindi bikoresho by'ikoranabuhanga bisabwa ko bimenyekanishwa mu gihe umunyeshuri abifite kandi ashobora kuzabikoresha mu myigire ye, Ubifatanwe bitazwi arasezererwa burundu.
3. Imyenda itari iy'ishuri iyo ifatanwe umunyeshuri ntisubizwa.
4. **Nkuko bisanzwe, umunyehuri wifuza kwigira kubona uruhushya rwo gutwara Ibinyabiziga rwaba urw'agateganyo cyangwa se urwa burundu, asabwa kwishyura 15,000frs kurw'agateganyo na 120,000frs kurwa burundu.**

**HATEGEKIMANA Assiel**
**Umuyobozi wa Karenge Adventist Secondary School**